**REPUBULIKA Y'URWANDA**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**
**AKARERE KA KAYONZA**
**B.P03 RWAMAGANA**
**kayonza@kayonza.gov.rw**

## GAHUNDA Y'ICYUMWERU CY'UBUTAKA MU KARERE KA KAYONZA

Dushingiye ku itegeko no 43/2013 ryo kuwa 16/06/2013 rigenga ubutaka mu rwanda cyane cyane mu ngingo yaryo ya 39,40,41,..aho zigaruka ku nshingano z'utunze ubutaka mu rwego kububyaza umusararo, kubufata neza ,kubukoresha icyo bwagenewe gukoreshwa hakurikijwe ibiteganyijwe n'ibishushanyombonera;

Dushingiye ku Iteka rya perezida n°25/01 ryo kuwa 09/07/2012 rishyiraho urutonde kandi rigena ibipimo ntarengwa by"amahoro n"andi mafaranga yakirwa n"inzego z"ibanze cyane mu ngingo zikurikira,ingingo ya 9,10,11 na 12 aho zigaruka ku mafaranga yakirwa n'inzego zibanze akomoka ku butaka;

Dushingiye ku iteka rya Minisitiri n° 002/2008 ryo ku wa 01/4/2008 rigena uburyo iyandikishwa ry'ubutaka rikorwa mu Rwanda;

Dushingiye kuri ibi tuvuze haruguru hategurwa igikorwa ngaruka mwaka cyahariwe ubukangurambaga mu micungire n'imikoreshereze y'ubutaka, aho iki gikorwa kiba kigamije gushishikariza abaturage mu buryo butandukanye kubirebana n'imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka ndetse bakanahabwa serivisi zitandukanye zijyanye n'ubutaka ni muri urwo rwego n'Akarere ka Kayonza kateganyije iki gikorwa kuva tariki ya 10/12/2018 kugera tariki ya 14/12/2018.

### IBIKORWA BITAGANYIJWE MURI IKI CYUMWERU

- Gukosora ibyangombwa by'ubutaka hashingiwe ku mpinduka zagiye ziba mu bijyanye n'imikoreshereze y'ubutaka nyuma y'itangwa ry'ibyangombwa by'ubutaka(urugero ibishushanyombonera by'imijyi na Centres z'ubucuruzi);
- Gukangurira abaturage kwandikisha ubutaka bwabo kubatarabwandikisha kugeza ubu.
- Gukangurira abaturage gutanga umusoro w'ubutaka batunze nkuko biteganywa n'itegeko.
- Gufasha abaturage gukosora amakosa yagaragaye mu byangombwa by'ubutaka byatanzwe mbere;

1

- Gukangurira abaturage gucunga no gukoresha neza ubutaka batunze,babubyaza umusaruro kandi baburinda icyabwangiza;
- Kwakira amafaranga y'ubutaka ku rwego rw'Akarere akomoka kuri serivisi z'ubutaka zizatangwa.

## IBIREBA AKARERE MURI IKI GIKORWA

Gutegura no gutanga ibisabwa kugirango icyumweru cyahariwe ubukangurambaga ku micungire n'imikoreshereze y'ubutaka gishobore kugenda neza; harimo kubonera amacumbi,Imodoka n'ifunguro ku bakozi bazafasha muri iki gikorwa.

Gufasha abaturage kubona amakuru y'imigendekere y'iki gikorwa ahatangwa amatangazo kuri Television(s), mu Midugudu,mu Nteko z'abaturage bikozwe n'ubuyobozi kugirango abaturage bose bashobore kumenya ko iki gikorwa gihari.

## IBIREBA IKIGO GISHINZWE IMICUNGIRE N'IMIKORESHEREZE Y'UBUTAKA:

Ikigo gishinzwe Imicungire n'Imikoreshereze y'Ubutaka mu Rwanda kirasabwa ibi bikurikira:

- Gutanga abakozi bazakenerwa muri iki gikorwa(Staffs Support)
- Gutanga ibikoresho bizakenerwa muri iki gikorwa(Impapuro zifashishwa mu gukora ibyangombwa by'ubutaka,Imashini zisohora ibyangombwa by'ubutaka n'ubundi bufasha bujyanye n'inshingano z'ikigo).

## IGIHE IKI GIKORWA KIZABERA

Iki gikorwa kizatangira tariki ya 10/12/2018 gisoze tariki ya 14/12/2018 kizabera ku kicaro cy'Akarere ka Kayonza.

## ABAKOZI BAZAKENERWA MURI IKI GIKORWA

Ku rwego rw'Ikigo cy'imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka ni aba bakurikira:

1. Registrar of Land Titles,Eastern Province
2. Director of One Stop Center
3. Land Professionals(2) bazifashishwa no muri serivisi za Notariats
4. Billing Officer (1)
5. GIS Professionals(2)
6. LAIS Processors(2)
7. Archivist(1)
8. ICT Staff(1)
9. Revenues officers (2)
10. Sector Land Managers (12)

h

## IBIZAKENERWA UMUNSI KUWUNDI KU RUHANDE RW'AKARERE:

### Ibizakenerwa ku ruhande rw'Akarere:

- Amafaranga y'ifunguro rya saa sita: Abantu 22 mu gihe cy'iminsi 5
- Transports: imodoka 1 ku munsi mu gihe cy'iminsi 5 zizifashishwa mu gukukirana ibibazo by'abaturage bisaba kujya kuri terrain.
- Amacumbi ku bakozi boherejwe n'ikigo: mu gihe cy'iminsi 5
- Amafaranga y'ubutumwa bw'akazi ku bakozi mu gihe cy'iminsi 5

### Uko akazi kazakorwa mu cyumweru cyahariwe ubutaka.

Mu rwego rwo gatanga serivisi ku buryo bwihuse itsinda ry'abakozi twavuze haruguru bazaba bakorera hamwe ku Karere bakazasaranganywa inshingano bijyanye n'imiterere y'akazi kazaba gahari.

N.B Mirenge iri kure yaho Ibiro by'Akarere biri; NDEGO,MURUNDI,KABARE,MURAMA na RWINKWAVU n'Utugari twa Gahini na Mwiri turi kure turasaba Abashinzwe ubutaka mu Mirenge kujya babafasha kwakira dossiers bakihutira kuzegeza kuri Site kugirango nabo babone Serivisi zihuse kugihe.

**Biteguwe na**

**GAKUNZI Emmanuel**

**Director of One Stop Center**